Maahanmuuttovirasto
Migrationsverket
Finnish Immigration Service

# Isuzuma ry'ururimi

Ikigo gishinzwe abinjira nabasohoka (migrasiyo) cyagutumiye mwisuzuma ry'ururimi.




Impamvu yirisuzumwa ry'ururimi nukugirango habashwe kwemezwa niba koko ukomoka mugihugu uvuga ko ukomokamo.

Mugihe cyikiganiro, umukukozi wibiro bishinzwe abinjira nabasohoka azafata amajwi (azarikodinga) ibyo uri kuvuga igihe kingana niminota 20. Akenshi murikikiganiro nta musobanuzi uba uhari.

## Uku niko ikiganiro gikorwa

1. Umukozi wikigo gishinzwe abinjira nabasohoka akumenyesha ko ifatwa ryamajwi ryibyo ugihe kuvuga ritangiye. We ntabwo ashobora kuvuga mugihe amajwi arigufatwa.

2. Uvuge mwijwi ryumvikana igihe kingana niminota 20 kungingo iyo ariyoyose uzi. Ushobora kwihitiramo ingingo wavugaho. Zimwe mugingo nziza harimo nkibijyanye nikirere, ibijyanye nibiribwa, ibijyanye nimyidagaduro (siporo), ibijyanye numuziki ndetse namafilime. Ushobora kandi kuvuga kucyumba wicayemo cyangwa kubijyanye nuko umunsi wawe uba umeze muri Finland. Ushobora kuvuga kandi kubijyanye nibyo waba uzi kuri Finland.

- Wirinde kuvuga kubijyanye nimyirondoro yawe bwite nkamazina cyangwa amazina yabagize umuryango wawe cyangwa nandi makuru yose yatuma ariwowe cyangwa abagize umuryango wawe bamenyekana. Ntukavuge kandi kumpamvu zubusabe bwawe bwogushaka ubuhungiro.
- Ntabwo aringombwa kuvuga kungingo imwe gusa ahubwo ushobora no guhindura ingingo mugihe ukiri gufatw'amajwi. Icyingenzi nuko ukomeza kuvuga icyo gihe cyose amajwi azaba arigufatwa.

3. Umukozi wibiro bishinzwe abinjira nabasohoka azakumenyesha ko ifatwa ryamajwi rirangiye, nibwo uzarangiza kuvuga.

## Nigiki gikurikira nyuma yisuzumwa ryururimi?

Nyuma yikiganiro, ibiro bishinzwe abinjira nabasohoka byohereza ubifitiye ububasha amajwi yafashwe kugira ngo agenzure ibyo wavuze. Nyuma yibi, ibisubizo byibyavuye mwisuzuma ryururimi byoherezwa ibiro bishinzwe abinjira nabasohoka muburyo bwinyandiko.

Mugihe ibisubizo byavuye muririsuzuma ryururimi byaje bivuguruzanya ninkomoko yigihugu wavuze ko ukomokamo, icyogihe utanga ubusobanuro kubiro bishinzwe abinjira nabasohoka byaba binyuze munyandiko cyangwa mumvugo. Mugihe cyo kwisobanura, utanga ubusobanuro bwawe kubyabaye.

Mugihe ibizubizo byavuye mwisuzuma ryururimi bidahabanye ninkomoko yawe wavuze, ntabwo umenyeshwa ibyibi bisubizo. Ubona ibyavuye muribibisubizo byisuzuma ryururimi mumyanzuro ikugenewe.